

Ese ni Ibicurane cyangwa ni COVID-19 “Indwara ya Koronavirusi”?

IBICURANE

Ibicurane ni indwara isanzwe, yandura ifata imyanya y'ubuhumekero iterwa na virusi zitera ibicurane. Ibicurane bitandukanye na giripe.

Ibicurane bishobora gutera uburwayi bworoheje cyangwa bukomeye, n'ibibazo bishobora kuvamo urupfu. Miliyoni z'abaturage barwara ibicurane muri Amerika buri mwaka.




IBIMENYETSO BY'IBICURA

Ibimenyetso by'ibicurane akenshi bigaragara mu minsi ibiri umaze kwegera aho biri. Ibimenyetso biza byihuse kandi bikazira icyarimwe.




- Kugira umuriro cyangwa kumva usa nk'ufite umuriro
- Kuribwa umutwe
- Kuribwa imikaya cyangwa umubiri
- Gukorora
- Kumva unaniwe cyane (umunaniro)
- Kubabara mu muhogo
- Kugira ibimyira cyangwa gufungana amazuru



NI GUTE UDUKOKO

Ibicurane byandura ahanini bitewe n'amatembabuzi aza igihe umuntu urwaye ibicurane akoroye, yitsamuye, cyangwa avuze. Virusi zishobora kwandura ziri ahantu hakorwaho, ariko ntibikunze kubaho.


Abantu barwaye ibicurane bashobora kwanduza virusi mbere, muri icyo gihe, na nyuma yo kurwara.



NI NDE URWARA

Umuntu wese ashobora kurwara ibicurane.

Abantu bamwe—nka buri mwana ukiri muto, umuntu mukuru, n'abantu bafite ibibazo by'ubuzima—bafite ibyago byo kugira ibibazo bikomeye.



Ku yandi makurur yerekeye ibicurane n'indwara ya COVID-19,


sura www.cdc.gov/flu and www.cdc.gov/coronavirus/2019-nCoV.

2 Werurwe 2020

ICYITONDERWA: Amakuru ku ndwara ya COVID-19 ahinduka vuba n'innyandiko ziyerekeye ni ko zizajya zihinduka.

“KORONAVIRUSI”

“Koronavirusi” ni ubwandu bushya bushobora gutera uburwayi bworoheje cyangwa bukomeye bw'imyanya y'ubuhumekero. Hari abantu bayanduye batarigeze bakora ingendo muri Amerika ariko ibyago byo kwandura “Koronavirusi” biracyari hasi.



IBIMENYETSO BYA “KORONAVIRUSI”

Ibimenyetso bishobora kugaragara mu minsi 14 umaze kwegera aho iri.



- Kugira umuriro
- Gukorora
- Kugira ingorane zo guhumeka
- Kugira ibibazo byo guhumeka



NI GUTE UDUKOKO DUTERA “KORONAVIRUSI”

Hatekerezwa ko bikwirakwizwa no:

- Gukorora/kwitsamura cyangwa kwegera undi muntu urwaye “Koronavirusi.”
 - Kwegera umuntu bisobanura kuba uri muri metero 1 na santimetero 80 uyirwaye mu gihe gihagije.
- Inashobora kwandura binyuze mu gukora ku bintu umuntu urwaye yakozwehom nk'udutambaro cyangwa imyenda.

NI NDE URWARA

Muri Amerika, abantu bafite ibyago ni:

- Abakorera ingendo hanze y'Amerika.
- Umuntu wegereye umuntu wanduye indwara ya “Koronavirusi.”

